Phoenix Metal Ltd

Tel/Fax: +250 (0)728.30.81.40
P.O. Box 3663, Kigali, Rwanda
Contact@phoenix-metal.com
www.phoenix-metal.com

**Ref : 140324-PM-EthicalPolicy-Kini**

**AMAHAME YA PHOENIX METAL Ltd**
**MU RWEGO RWO KUGURA AMABUYE Y`AGACIRO**

Hakurikijwe ko turi hafi y`uturere tuberamo cyangwa twugarijwe n`ubushyamirame n`imirwano, kugira ngo tutaba bamwe mubabihembera mu rwego rw`ubucukuzi, ubucuruzi, ugutunganya cyangwa ukugurisha amabuye y`agaciro haba mu gihugu cyangwa hanze yacyo, aya mahame agamije imyitwarire myiza y`abagemura bagacuruza amabuye no kugira ngo bakurikize Itegeko n°37/2008 ryo ku wa 11/08/2008 ryerekeye ubucukuzi bw`amabuye y`agaciro mu Rwanda.

Phoenix Metal Ltd, twise « Umuguzi » yiyemeje gukora ku buryo abayigurishaho barangwa n'imyitwarire iboneye nkuko isobanurwa mu mabwiriza ya OCDE ;

1) Amabuye y`agaciro aje kugurishwa Phoenix Metal Ltd agomba kuba afungishijwe akagufuri kariho inomero kabugenewe kitwa « Tag » ku buryo bwateganyijwe na OGMR na Phoenix Metal Ltd.

2) Umukiriya yiyemeje kutazarengaho ngo abe yakwakira cyangwa yagurisha amabuye y`agaciro atari ayo mu kirombe cye cyangwa yaguze n`uwaguze na nyiracyo.

3) Umukiriya yiyemeje kuzajya acukura amabuye y`agaciro mu birombe bizwi kandi byahawe uburenganzira na Minisiteri ifite ubucukuzi bw`amabuye y`agaciro mu nshingano ze na OGMR.

4) Umukiriya yiyemeje kuzakorera mu mucyo, gusurwa no kugenzurwa igihe cyose Phoenix Metal Ltd isanze ari ngombwa.

5) Umukiriya yiyemeje kuzirengera inkurikizi yo kudakurikiza amabwiriza n`amategeko biriho.

6) Mu igurisha ry`amabuye y`agaciro ni ngombwa gukurikiza amabwiriza ya OCDE.

7) Buri mabuye agemuwe ibyo afungiyemo bigomba kuba bifungishijwe akagufuri kariho inomero kabugenewe kitwa « Tag » katanzwe na iTSCi.

8) Mu gihe cy`amasezerano arambye y`ubuguzi bw`amabuye y`agaciro umukiriya agomba gushyikiriza uwo ayagurishaho impapuro n`inyandiko zose zisabwa n`Ihuriro Mpuzamahanga ryo mu Biyaga Bigari (CIRGL) cyangwa n'indi miryango mu rwego rwo kugenzura niba amabuye yo gushongesha adahembera intambara (Audit CFS 'Conflict Free Smelter)'.

9) Umukiriya yiyemeje kuzubahiriza uburenganzira bw`ikiremwamuntu no gukora ibishoboka byose ngo ubucukuzi n`ubucurzi bw`amabuye y`agaciro butaba mu bihembera intambara (umugereka wa II n'uwa III igize amabwiriza ngenderwaho ya OCDE).

Ni muri urwo rwego yiyemeje kutazihanganira, kutazatiza umurindi, kutazafasha cyangwa korohereza ikorwa ry`ibi bikurikira:

- Ibikorwa by`itoteza n`iyicarubozo bikorerwa inyokomuntu ;
- Imirimo yose y`agahato cyangwa iyo umuntu atihitiyemo;
- Imirimo ikoreshwa abana;
- Guhungabanya uburenganzira bwa muntu nk`ibikorwa byo gufata ku ngufu;
- Ibyaha by`intambara na Jenoside cyangwa ibindi byaha ndengakamere biteganywa n`amategeko mpuzamahanga arengera ikiremwamuntu.

Phoenix Metal
RCA 2130/KIG
LTD

Tel/Fax: +250 (0)728.30.81.40
P.O. Box 3663, Kigali, Rwanda
Contact@phoenix-metal.com
www.phoenix-metal.com

Ibi biramutse bibaye, ubucuruzi umukiriya yakoranaga na Phoenix Metal Ltd buzahita buhagarara.

10) Umukiriya yiyemeje kutazihanganira cyangwa ngo ashyigikire ku mugaragaro cyangwa rwihishwa umutwe witwara gisirikare cyangwa undi uwushamikiyeho, mu mirimo ye yo gucukura amabuye y`agaciro, kuyatwara, kuyagurisha no kuyagura, kuyapakurura cyangwa kuyapakira..

11) Umukiriya yiyemeje kutazigera na rimwe, ariko atari ibi gusa, agura cyangwa agurisha cyangwa aranga amabuye y`agaciro, yishyura cyangwa atanga ubufasha rw`ibikoresho cyangwa rw`ibindi bintu, akorana n`imitwe yitwara gisirikare irangwa n`ibi bikurikira:

- Igenzura ry`ibirombe by`ubucukuzi cyangwa igenzura ry`imihanda y`ubwikorezi bwayo, igenzurwa ry`aho agurishirizwa cyangwa aho yohererezwa mu mahanga bidakurikije amategeko;
- Isoresha ku buryo budahuje n`amategeko cyangwa ihoza ry`amafaranga cyangwa amabuye y`agaciro bikorerwa abajya gucukura amabuye y`agaciro, abayikorera cyangwa abayagurisha;
- Isoresha cyangwa ihoza ry`amafaranga bikorerwa abafashabucuruzi, ibigo bigurisha amabuye y`agaciro mu mahanga cyangwa abagemura cyangwa abaguzi b`amabuye y`agaciro b`abanyamahanga bidakurikije amategeko;

12) Umukiriya yiyemeje kutagira ubufasha bweruye cyangwa bwihishe aha ingabo za leta cyangwa imitwe ya gisilikare yigenga igihe ikora ibi bikorwa bimaze kuvugwa haruguru.

13) Umukiriya yiyemeje kuba atagira, ku mugaragaro cyangwa rwihishwa, amasezerano y`ubucuruzi cyangwa andi asa nayo n`ingabo z`igihugu cyangwa imitwe ya gisirikare yigenga igihe ikora ibikorwa bitubahiriza uburenganzira bw`ikiremwamuntu.

14) Umukiriya yiyemeje kugira ubufatanye n`inzego z`ubutegetsi z`ingeri zose hamwe n`imiryango yo mu gihugu cyangwa mpuzamahanga kugira ngo igihembo ahaye ingabo z`igihugu atanze kibe gitanzwe mu buryo busobanutse kandi gihwanye n`umurimo yakorewe .

15) Umukiriya yiyemeje gutanga inkunga ye yose kugira ngo abacukuzi b`amabuye y`agaciro bari mu bamugemurira bataba ibikoresho by`ingabo z`igihugu cyangwa iby`imitwe yigenga.

16) Umukiriya yiyemeje kwirinda no kurwanya ibikorwa bya ruswa bigamije guhisha inkomoko y`amabuye y`agaciro, ibikorwa byo gukwepa imisoro, imisanzu n`andi mahoro yose yakwa na guverinoma mu nzego izo ari zo zose.

17) Umukiriya yiyemeje kwirinda no kurwanya ko abagamije kujijisha no guhisha amafaranga bakuye mu bikorwa bibi bakoresha icukurwa ry`amabuye y`agaciro, iyikorera n`igurisha ryayo no gukoresha ibikorwa byo kuriganya no gutanga no kwaka ruswa ku mabuye y`agaciro.

18) Umukiriya yiyemeje ko tagise, imisoro n`andi mafaranga yakwa na leta byishyurwa guverinoma no kuba yatunga agatoki yerekana abayahisha n`abashaka kuyarigisa nkuko amahame ya EITI (Extractive Industry Transparency Initiative) abisaba.

19) Umukiriya yiyemeje guha uburenganzira Phoenix Metal Ltd, nta ndishyi z`akababaro ashobora kuyiregera, bwo kumutungira agatoki ubutegetsi no kumurega cyangwa bwo gufatira amabuye ye agemuye igihe ari

Phoenix Metal RCA 2130/KIG LTD

Tel/Fax: +250 (0)728.30.81.40
P.O. Box 3663, Kigali, Rwanda
Contact@phoenix-metal.com
www.phoenix-metal.com

amibano cyangwa ashobora gukemangwa cyangwa aherekejwe cyangwa asobanurwa n`impapuro mpimbano cyangwa zatanzwe ku buryo bufifitse.

20) Umukiriya yiyemeje guha uburenganzira Phoenix Metal Ltd bwo kumutungira agatoki ubutegetsi cyangwa kumurega igihe yakoze ibikorwa by`ubutekamutwe cyangwa yabigerageje nko kugemura amabuye avanze n`imiti ituma Phoenix Metal Ltd yibeshya ko apima neza.

21) Umukiriya yiyemeje kuzuza no gushyikiriza Phoenix Metal Ltd, mu gihe gito, ibi bikurikira:
   - Fotokopi y`uruhusa rw`ubushakashatsi, cyangwa urw`ubucukuzi cyangwa urw`ubucukuzi busesuye ;
   - Fotokopi ya registiri y`ubucuruzi yatanzwe na leta y`u Rwanda cyangwa icyemezo cyatanze n`urwego rw`igihugu rw`amakoperative cyangwa icyemezo kontwari y`ubucuruzi bw`amabuye y`agaciro yahawe na leta ;
   - Fotokopi y`indangamuntu y`uhagarariye kubw`amategeko ikigo gicukura cyangwa kontwari igura ikagurisha amabuye y`agaciro.

22) Uhagarariye umukiriya agomba kuba afite icyemezo cyo kumuhagarira nyacyo. Fotokopi y`indangamuntu y`uwo muhagararizi (intumwa) isinywe inariho na kashi y`uwamuhaye ubwo butumwa igomba kugezwa ku kigo.

23) Umukiriya yiyemeje gukorera mu mucyo, gusurwa no gukorerwa igenzura na Phoenix Metal Ltd igihe ari ngombwa..

24) Amafaranga asabwa na l'ITRI/ICGLR/OGMR cyangwa undi muryango atangwa n`umukiriya. Phoenix Metal Ltd iyavana muyo igomba kumwishyura ikishingira kuzayashyikiriza ugomba kuyagezwaho

Aya mahame aboneka ku rubuga rwa Internet rwitwa www.phoenix-metal.com akaba kandi amanitse aho abantu binjirira mu kigo aho ashobora gusomwa na buri wese. Aya mahame akaba ari mu rurimi rw`Igifaransa n`urw`Ikinyarwanda. Uwinjiye wese mu kigo asabwa kuyasoma mbere yo gusinya igitabo cy`abanjira mu kigo.

Uzanyuranya n`aya mabwiriza azahanwa n`inzego zibishinzwe.

Aya mahame azatangira gukurikizwa amaze gushyirwaho umukono no kutangazwa ashyirwa aho agomba kumanikwa.

Bikozwe tariki ya 24 Werurwe 2014

**Phoenix Metal Ltd**

Phoenix Metal RCA 3130/KIG LTD

Tel/Fax: +250 (0)728.30.81.40
P.O. Box 3663, Kigali, Rwanda
Contact@phoenix-metal.com
www.phoenix-metal.com

**KWEMEZA IMENYESHWA RY'AMAHAME YA PHOENIX METAL Ltd**
**Ref : PM/140324/EthicalPolicy-kini- V2**

Jyewe, usinye iyi nyandiko……………………………………………………………………………..(izina ry'uhagarariye)

Izina rya sosiyete/koperative……………………………………………………………………………………………..........

N° ya telefoni……………………………………………………………………………………………………………………

N° y'icyemezo cy'ubucukuzi………………………………………………………………………………………………….

Umurenge……………………………… Akagari………………………………… Akarere………………………………

N° y'indangamuntu cyangwa y'urwandiko rw'abajya mu mahanga……………………………………….ndemeza ko menyeshejwe Amahame ya Phoenix Metal kandi niyemeje kuyakurikiza mu ngingo zayo n`ibyo ateganya.

Bikorewe …………………………………

Tariki ya ……………………………………

**Umukono & kashe y'ikigo**